**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA**

**GASABO**

**Email: tbgasabo@gmail.com**

**IMENYESHA RY'ICA RY'URUBANZA RC 00115/2019/TB/GSBO RWAKOSOWE NA RS/RECT/RC 00028/2022/TB/GSBO MU BURYO BW'IMENYESHARUHAME**

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa cumi n'esheshatu w' ukwezi kwa mbere

Njyewe RUTABAYIRO Samuel Umwanditsi w'urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ndi ku rukiko aho rukorera mu kagari ka Kibagabaga mu murenge wa Kimironko Akarere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali.

Nshingiye ku ngingo ya 148 (3), 46 z'itegeko N0 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Menyesheje: Fataki Kandiro ,mwene FATAKI Ramadhan na MUHONGAYIRE Speciose, utuye mu mudugudu wa Kangondo I, akagari ka Nyarutarama,umurenge wa Remera,akarere ka Gasabo intara Kigali City, aho abarizwa hakaba hatazwi nk'uko byemezwa n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari Ka Nyarutarama mu nyandiko ye yo ku wa 17/12/2018 bigashimangirwa n'umuyobozi wa Torirwa mu nyandiko yo ku wa 31/01/2019

Mumenyesheje mu buryo bw'Imenyesharuhame Imikirize y'urubanza rw'ubutane bwa burundu mu rubanza **RC 00115/2019/TB/GSBO** rukosorwa kandi rwuzuzwa na **RS/RECT/RC**

**00028/2022/TB/GSBO** yarezwemo ku wa 28/11/2018 na GWIZAMILIZA Elyse, mwene ZIRARUSHYA Aloys na MUKAKIBIBI Josiane, utuye mudugudu wa Isangano, akagari ka Kabuga I, umurenge wa Rusororo, akarere ka Gasabo,intara y'umujyi wa Kigali. Tel : +250785970712, E-MAIL : amalyse06@gmail.com

Urubanza rukaba rwaraburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ku wa 04/03/2020

rucibwa kuwa 01/06/2020 ku buryo bukurikira:

Rwemeye kwakira ikirego cyatanzwe na NKUNDIMFURA Jean Claude, rugisuzumye rusanga gifite inshingiro;

Rwemeje ko GWIZAMALIZA Elyse atandukanyijwe n'umugabo we FATAKI KANDIRO Parfait basezeranye kuva mu 2015, kubera impamvu yo gukubita no guhoza ku nkeke uwo bashakanye, imyifatire idshwitse hsrimo n'ubujura, ndetse n'imibanire yabo mibi itagishoboye kwihanganirwa na buri wese mu bashakanye;

RUTEGETSE ko umwana wabo witwa AHIRWE Gist wavutse kuwa 21/02/2016, akomeza akarerwa na nyina GWIZAMALIZA Elyse naho FATAKI KANDIRO Parfait agasigarana uburenganira bwo gusura umwana we no gusurwa nawe ndetse no kumugiraho izindi nshingano umubyeyi agira ku mwana yabyaye;

Rutegetse ko FATAKI KANDIRO Parfait kujya ashyira amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000frws) buri kwezi kuri konti ya GWIZAMALIZA Elyse y'indera y'umwana wabo AHIRWE Gist ;

RUTEGETSE ko imikirize y'uru rubanza imenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere wa Rwezamenyo aho ishyingirwa ryabereye n'uw'aho abashyingiranywe batuye, bikozwe n'abashyingiranywe ubwabo, bitashoboka bigakorwa n'undi muntu wese ubifitemo inyungu, mu gihe cy'amezi abiri (21) uru rubanza rumaze kuba ndakuka kugirango iyi mikirize yandikwe mu bitabo by'irangamimerere byabugenewe;

Rutegetse FATAKI KANDIRO Parfait mu gihe azaba abonetse kwishyura GWIZAMALIZA Elyse amafaranga y'amagarama y'urubanza ahwanye n`amafaranga ibihumbi cumi (10.000frws), agatangwa mu kwezi kumwe kuva urubanza rubaye ndakuka.

Uru rubanza rwajemo amakosa GWIZAMALIZA Elyse atanga ikirego gisaba gukosora gifata **RS/RECT/RC 00028/2022/TB/GSBO rucibwa ku wa 29/12/2022 mu buryo bukurikira:**

Rwemeye kwakira ikirego gikosoza rwashyikirijwe na GWIZAMALIZA Elyse kuko cyatanzwe mu buryo no mu nzira bikurikije amategeko, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro;

Rwemeje kandi Rutegetse ko urubanza RC 00115/2019/TB/GSBO rukosowe ku byerekeye amakosa y'imyandikire ahanditse ko Rwemeye kwakira ikirego cyatanzwe na NKUNDIMFURA Jean Claude rugisuzumye rusanga gifite ishingiro ,hakosorwa hakandikwa ko Rwemeye kwakira ikirego cyatanzwe na GWIZAMALIZA Elyse rugisuzumye rusanga gifite ishingiro.

Rwemeje kandi Rutegetse ko urubanza rukosorwa ahanditse ko uru rubanza rwaburanishirijwe muruhame ku wa 04/03/2020, kubwimana Angelique ahari kandi yunganiwe na Me RUGAMBAGE Albert naho BASABOSE Tharcisse hagakosorwa hakandikwa ko urubanza rwabiuranishijwe mu ruhame GWIZAMALIZA Elyse yiburanira. Rwemeje ko igika cya 16 gikosowe hakandikwa ko Rwemeje ko GWIZAMALIZA Elyse atandukanyijwe n'umugabo we FATAKI KANDIRO Parfait basezeranye kuva mu 2015, kubera impamvu yo gukubita no guhoza ku nkeke uwo bashakanye, imyifatire idahwitse harimo n'ubujura, ndetse n'imibanire yabo mibi itagishoboye kwihanganirwa na buri wese mu bashakanye.

Rutegetse ko FATAKI KANDIRO Parfait kujya ashyira amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000frws) buri kwezi kuri konti ya GWIZAMALIZA Elyse y'indezo y'umwana wabo AHIRWE Gist ;

RUTEGETSE ko imikirize y'uru rubanza imenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere wa Rwezamenyo aho ishyingirwa ryabereye n'uw'aho abashyingiranywe batuye, bikozwe n'abashyingiranywe ubwabo, bitashoboka bigakorwa n'undi muntu wese ubifitemo inyungu, mu gihe cy'amezi abiri (2) uru rubanza rumaze kuba ndakuka kugirango iyi mikirize yandikwe mu bitabo by'irangamimerere byabugenewe;

Rukijije ko uru rubanza RS/RECT/RC 00028/2022/TB/GSBO rukosora kandi rwuzuza urubanza RC 00115/2019/TB/GSBO rwaciwe kuwa 01/06/2020 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo;

**UMENYESHEJWE: FATAKI KANDIRO**

**UMUMENYESHEJE**

(Izina, Umurimo akora,umukono na kashe)

**UMWANDITSI W'URUKIKO**

**RUTABAYIRO Samuel**